Kigali on, 10/08/2020
Ref. N°: DIS/1654 /FDA/2020

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority
P.O. Box 84 Kigali
info@rwandafda.gov.rw
www.rwandafda.gov.rw

Abinjiza imiti mu gihugu n'ibindi bikoreshwa mu buvuzi
Abinjiza ibinyabutabire mu gihugu (Chemicals) (Bose)
Abadandaza za alukolo (Bose)
Abaturarwanda (Bose)

Bwana/Madamu

Impamvu: Itangazo ku bijyanye no gutumiza, Kuranguza, gukwirakwiza n'ikoreshwa rwa metanolu (Methanol) mu Rwanda

Hashingiwe ku itegeko N°:003/2018 ryo kuwa 09/02/2018 rishyiraho ikigo gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda (Rwanda FDA), cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8, igika cya 13,

Hashingiwe kandi ku itangazo nomero DIS/CRC/011/Rwanda FDA /2020 yo kuwa 05/06/2020 riburira abantu ku bijyanye n'ingaruka za metanolu;

Hashingiwe nanone ku mabwiriza ngenderwaho ya Rwanda FDA N° DIS/GDL/026 ku ikorwa ry'imiti isukura intoki (hand sanitizers) ikozwe muri alukolo (Alcohol). Ndetse hashingiwe ku byagaragaye mu bugenzuzi bwakozwe na Rwanda FDA, aho metanolu ikoreshwa mu buryo budakwiriye kandi ikanacuruzwa n'abantu batabifitiye uburenganzira;

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibiribwa n'imiti (Rwanda FDA) kiramenyesha ibi bikurikira:

KWINJIZA MU GIHUGU NO GUKWIRAKWIZA METANOLU

- Turamenyesha ko nta wundi muntu wemerewe kwinjiza mu gihugu no gukwirakwiza metanolu uretse gusa ababifitiye uburenganzira bahabwa na Rwanda FDA nyuma yo kuzuza ibisabwa.
- Metanolu yinjizwa mu gihugu nyuma yo kubona icyangombwa cyo kwinjiza ibicuruzwa mu gihugu gitangwa na Rwanda FDA;
- Metanolu igomba kugurishwa ku muguzi ufite icyangombwa cyigaragaza neza ko izakoreshwa icyo yagenewe gukoreshwa;

- Abinjiza mu gihugu n'abakwirakwiza metanolu bagomba kwandika no gusigarana imyirondoro y'abaguzi cyangwa amakuru aranga ibigo n'aho bakorera.
- Abanjiza mu gihugu n'abakwirakwiza metanolu bagomba gusigarana inyemezabwishyu, urutonde ndetse n'izindi nyandiko zinjyanye nabyo.

UBURYO BWO GUKORESHA METANOLU

- Metanolu ni imwe mu bwoko bwa alukolo butanyobwa ahubwo ikifashishwa mu nganda cyane cyane mu ikorwa rya wino (inks), amariragege (resins), ibimatira (adhensives), n'amabara (dyes);
- Metanolu ikoreshwa mugushyushya ibiryo, kurwanya ubukonje n'ibindi;
- Metanolu ni ikinyabutabire kitagira ibara, gitumuka, kandi cyaka iyo gihuye n'umuriro, rero ni ngombwa kukirinda umuriro;
- Mugihe ukoresha Metanolu wirinda buri gihe cyose ko ihura numubiri cyangwa kuyihumeka
- Mugihe ukoresha metanolu ni ngombwa kwambara umwambaro wabigenewe urinda mu maso n'uruhu.

IBIBUJIJWE MU IKORESHWA RYA METANOLU

- Ntibyemewe gukoresha metanulu mu gukora imiti isukura intoki (hand sanitizers), buri gihe hagomba gukoreshwa alukolo nka etanolu (ethanol) cyangwa Isoporopile (Isopropyl) ku kigero cyagenwe nkuko bigaragara mu mabwiriza ngenderwaho ya Rwanda FDA N^{o} DIS/GDL/026 ku ikorwa ry'imiti isukura intoki (hand sanitizers) ikozwe muri alukolo (http://www.rwandafda.gov.rw/web/fileadmin/HANDSAN.pdf).
- Birabujijwe gukoresha gukoresha metanolu aho bogoshera cyangwa mu mazu akorerwamo isuku yo mu mutwe kuberako yangiza uruhu. Ahubwo hakoreshwa etanolu iri ku kigero cya 70%-80%
- Birabujijwe gukoresha metanolu mu ikorwa ry'inzoga ndetse hagafatwa ibipimo nyuma yo gukora inzoga imaze gukorwa,

IBIRANGO (LABELS) BYA METANOLU

Abinjiza, abakwirakwiza n'abakoresha metanolu bagomba kugenzura ko ibirango biriho kandi bifite amakuru y'ingenzi akurikira:

- Izina n'ingano (%) ya metanolu (CH_3OH)
- Izina ry'uruganda rwayikoze naho rubarizwa
- Ibimenyetso mpuruza/biburira: Ko metanolu yateza inkongi y'umuriro

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

- Nomero y'igicuruzwa (Batch Number) , itariki yakoreweho ndetse n'igihe izarangirira (Mfg and expiry dates)

GUPFUNYIKA NO KUBIKA METANOLU

- Kuberako metanolu ishobora guteza inkongi y'umuriro, igomba kubikwa ahantu hagera umwuka uhagije, kandi hatagerwa n'izuba cyangwa ubushyuhe.
- Metanolu igomba gutwarwa mu bikoresho yashyizwemo ikiva ku ruganda kandi bigaragaza neza ibirango byayo, ndetse igatwarwa neza mu binyabiziga hirindwa gucugusa, kuva, cyangwa kumeneka kwa metanolu.

INGARUKA ZO KUNYWA CYANGWA GUKORESHA METANOLU

- Iyo metanolu ikoreshejwe mu gukora inzoga, umuntu unyoye iyo nzoga, ishobora kumugiraho ingaruka zikurikira:
  - ✓ **Ishobora gutera ubuhumyi**
  - ✓ **Ishobora gutera urupfu**
  - ✓ **Yangiza igifu**
- Guhumeka cyangwa kunywa metanolu ku kigero gikabije bitera kugira ibibazo byo kutabona harimo kureba ibicyezicyezi kandi bishobora kuvamo ubuhumyi, ndetse bikanangiza imikorere y'ubwonko aribyo bishobora gutuma ingingo zimwe na zimwe zidakora.

- Metanolu ishobora kwangiza uruhu, n'imyanya y'ubuhumekero igihe uyinyoye cyangwa uyihumetse.
- Metanolu iraka kandi ishobora guteza inkongi y'umuriro igihe itabitswe neza.

Icyitonderwa: Abashaka gusaba ibisobanuro ndetse no kuduha amakuru bahamagara kuri **0789 19 35 29**

Tubashimiye ubufatanye bwanyu.

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

Digitally signed by Rwanda FDA (Ag DG)
Date: 2020.08.10 18:50:06 +02'00'

Dr KARANGWA Charles
Ag. Director General